

ITEKA RYA MINISITIRI N° 004/26/10/TC RYO KU WA 29/04/2026 RYEREKEYE ISORESHA RY'UMUSORO KU NYONGERAGACIRO RY'IBINTU NA SERIVISI BITANGIRWA KURI MURANDASI, IKOSORA RY'UMUSORO N'ISONERWA RY'UMUSORO KU BIKORESHO BY'INGANDA <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>UMUTWE WA II: ISORESHA RY'IBINTU NA SERIVISI BITANGIRWA KURI MURANDASI</u> <u>Ingingo ya 3:</u> Ibintu na serivisi bisoreshwa <u>Ingingo ya 4:</u> Kwiyaandikisha <u>Ingingo ya 5:</u> Ibintu na serivisi	MINISTERIAL ORDER N° 004/26/10/TC OF 29/04/2026 RELATING TO THE VALUE ADDED TAX ON GOODS AND SERVICES PROVIDED ONLINE, TAX ADJUSTMENT AND TAX EXEMPTION ON MATERIALS USED IN INDUSTRIES <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Order <u>Article 2:</u> Interpretation <u>CHAPTER II: TAXATION OF GOODS AND SERVICES PROVIDED ONLINE</u> <u>Article 3:</u> Taxable goods and services <u>Article 4:</u> Registration <u>Article 5:</u> Goods and services supplied in	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 004/26/10/TC DU 29/04/2026 RELATIF À L'IMPOSITION DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTÉE SUR LES BIENS ET SERVICES FOURNIS EN LIGNE, À L'AJUSTEMENT DE LA TAXE ET À L'EXONÉRATION DE LA TAXE SUR LES MATÉRIAUX UTILISÉS DANS LES INDUSTRIES <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté <u>Article 2 :</u> Interprétation <u>CHAPITRE II : IMPOSITION DES BIENS ET SERVICES FOURNIS EN LIGNE</u> <u>Article 3 :</u> Biens et services imposables <u>Article 4 :</u> Inscription <u>Article 5 :</u> Biens et services fournis au
---	---	---

bitangirwa mu Rwanda	Rwanda	Rwanda
<u>Ingingo ya 6:</u> Igihe umusoro ku bintu na serivisi utangira kubarwa	<u>Article 6:</u> Tax point for goods and services	<u>Article 6 :</u> Moment d'imposition pour les biens et services
<u>Ingingo ya 7:</u> Gusubizwa umusoro ku nyongeragaciro	<u>Article 7:</u> Refund of value added tax	<u>Article 7 :</u> Remboursement de la taxe sur la valeur ajoutée
<u>Ingingo ya 8:</u> Isoresha ry'umusoro ku nyongeragaciro ku bintu na serivisi bitangirwa kuri murandasi	<u>Article 8:</u> Taxation of value added tax on goods and services provided online	<u>Article 8 :</u> Imposition de la taxe sur la valeur ajoutée sur les biens et services fournis en ligne
<u>Ingingo ya 9:</u> Kubara no kwishyura umusoro	<u>Article 9:</u> Accounting and payment of tax	<u>Article 9 :</u> Comptabilité et paiement de la taxe
<u>UMUTWE WA III: GUKOSORA INYEMEZABUGUZI</u>	<u>CHAPTER III: INVOICE ADJUSTMENT</u>	<u>CHAPITRE III : AJUSTEMENT D'UNE FACTURE</u>
<u>Ingingo ya 10:</u> Inyemezabuguzi ikosorwa	<u>Article 10:</u> Invoice to be adjusted	<u>Article 10 :</u> Facture à ajuster
<u>Ingingo ya 11:</u> Usaba gukosora inyemezabuguzi	<u>Article 11:</u> Applicant for the invoice adjustment	<u>Article 11 :</u> Demandeur d'ajustement d'une facture
<u>Ingingo ya 12:</u> Impamvu zo gukosora inyemezabuguzi	<u>Article 12:</u> Grounds for an invoice adjustment	<u>Article 12 :</u> Motifs d'ajustement d'une facture
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibisabwa mu gukosora inyemezabuguzi	<u>Article 13:</u> Requirements for the invoice adjustment	<u>Article 13 :</u> Conditions d'ajustement d'une facture
<u>Ingingo ya 14:</u> Itariki ihabwa inyemezabuguzi yakosowe	<u>Article 14:</u> Date of the adjusted invoice	<u>Article 14 :</u> Date de la facture ajustée

<u>Ingingo ya 15:</u> Uburyo bwihariye bwo gukosora inyemezabuguzi	<u>Article 15:</u> Special modalities for the invoice adjustment	<u>Article 15 :</u> Modalités spéciales d'ajustement d'une facture
<u>UMUTWE WA III:</u> GUTESHA AGACIRO INYEMEZABUGUZI	<u>CHAPTER III:</u> CANCELLATION OF AN INVOICE	<u>CHAPITRE III :</u> ANNULATION D'UNE FACTURE
<u>Ingingo ya 16:</u> Gusaba gutesha agaciro inyemezabuguzi	<u>Article 16:</u> Application for the cancellation of an invoice	<u>Article 16 :</u> Demande d'annulation d'une facture
<u>Ingingo ya 17:</u> Impamvu zo gutesha agaciro inyemezabuguzi	<u>Article 17:</u> Grounds for cancellation of an invoice	<u>Article 17 :</u> Motifs d'annulation d'une facture
<u>Ingingo ya 18:</u> Ibikubiye mu nyandiko y'iteshagaciro ry'inyemezabuguzi	<u>Article 18:</u> Content of the document for cancellation of invoice	<u>Article 18 :</u> Contenu du document d'annulation d'une facture
<u>Ingingo ya 19:</u> Igihe cyo gusaba gutesha agaciro inyemezabuguzi	<u>Article 19:</u> Time for cancellation of invoice	<u>Article 19 :</u> Délai pour l'annulation d'une facture
<u>Ingingo ya 20:</u> Impamvu zo kwanga ubusabe bwo gutesha agaciro inyemezabuguzi	<u>Article 20:</u> Grounds for rejection of the request for cancellation of an invoice	<u>Article 20 :</u> Raisons de rejet de la demande d'annulation d'une facture
<u>Ingingo ya 21:</u> Uburyo bwo gukosora no gutesha agaciro inyemezabuguzi	<u>Article 21:</u> Modalities for adjustment and cancellation of an invoice	<u>Article 21 :</u> Modalités d'ajustement et d'annulation d'une facture
<u>Ingingo ya 22:</u> Amakuru y'inyongera	<u>Article 22:</u> Additional information	<u>Article 22 :</u> Informations additionnelles
<u>UMUTWE WA IV:</u> GUSONERA URUGANDA UMUSORO KU NYONGERAGACIRO	<u>CHAPTER IV:</u> VALUE ADDED TAX EXEMPTION FOR AN INDUSTRY	<u>CHAPITRE IV :</u> EXONÉRATION DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTÉE POUR UNE INDUSTRIE
<u>Ingingo ya 23:</u> Ibisabwa uruganda kugira ngo rusonerwe umusoro ku	<u>Article 23:</u> Requirements for an industry to be entitled to the value added	<u>Article 23 :</u> Exigences pour qu'une industrie puisse être exonérée de la taxe

nyongeragaciro <u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 24:</u> Ingingo ivanaho <u>Ingingo ya 25:</u> Igihe cyo guhuza n'ibiteganywa n'iri teka <u>Ingingo ya 26:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 27:</u> Gutangira gukurikizwa	tax exemption <u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 24:</u> Repealing provision <u>Article 25:</u> Period of compliance <u>Article 26:</u> Language provision <u>Article 27:</u> Entry into force	sur la valeur ajoutée <u>CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 24 :</u> Disposition abrogatoire <u>Article 25 :</u> Période de conformité <u>Article 26 :</u> Disposition linguistique <u>Article 27 :</u> Entrée en vigueur
--	--	--

Official Gazette n° Special of 29/04/2026

ITEKA RYA MINISITIRI N° 004/26/10/TC RYO KU WA 29/04/2026 RYEREKEYE ISORESHA RY'UMUSORO KU NYONGERAGACIRO RY'IBINTU NA SERIVISI BITANGIRWA KURI MURANDASI, IKOSORA RY'UMUSORO N'ISONERWA RY'UMUSORO KU BIKORESHO BY'INGANDA	MINISTERIAL ORDER N° 004/26/10/TC OF 29/04/2026 RELATING TO THE VALUE ADDED TAX ON GOODS AND SERVICES PROVIDED ONLINE, TAX ADJUSTMENT AND TAX EXEMPTION ON MATERIALS USED IN INDUSTRIES	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 004/26/10/TC DU 29/04/2026 RELATIF À L'IMPOSITION DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTÉE SUR LES BIENS ET SERVICES FOURNIS EN LIGNE, À L'AJUSTEMENT DE LA TAXE ET À L'EXONÉRATION DE LA TAXE SUR LES MATÉRIAUX UTILISÉS DANS LES INDUSTRIES
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;	The Minister of Finance and Economic Planning;	Le Ministre des Finances et de la Planification Économique ;
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;	Vu la Constitution de la République du Rwanda ;
Ashingiye ku Itegeko n° 049/2023 ryo ku wa 05/09/2023 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, iya 8 n'iya 22	Pursuant to Law n° 049/2023 of 05/09/2023 establishing value added tax as amended, especially in Articles 3, 8 and 22	Vu la Loi n° 049/2023 du 05/09/2023 établissant la taxe sur la valeur ajoutée telle que modifiée, spécialement en ses articles 3, 8 et 22 ;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/17/10/TC ryo ku wa 30/01/2017 rigena ibisabwa uruganda kugira ngo rwemererwe ubusonerwe bw'umusoro ku nyongeragaciro ku mashini, ibikoresho remezo n'ibikoresho fatizo, nk'uko ryahinduwe;	Having reviewed Ministerial Order n° 001/17/10/TC of 30/01/2017 determining the requirements for an industry to be entitled to exemption from value added tax on machinery, capital goods and raw materials, as amended;	Revu l'Arrêté Ministériel n° 001/17/10/TC du 30/01/2017 déterminant les conditions requises pour qu'une industrie bénéficie de l'exonération de la taxe sur la valeur ajoutée sur les machines, biens d'équipement et matières premières, tel que modifié ;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa	After consideration and approval by the	Après examen et adoption par le Conseil

Official Gazette n° Special of 29/04/2026

02/04/2026, imaze kubisuzuma no kubyemeza; ATEGETSE: <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije Iri teka rigena – (a) ibikurikizwa mu gushyiraho umusoro ku nyongeragaciro ibintu na serivisi bitangirwa kuri murandasi; (b) uburyo ikosora ry’umusoro ku nyongeragaciro rikorwa n’ibikubiye mu nyandiko y’iteshagaciro ry’inyemezabuguzi; (c) n’ibisabwa kugira ngo uruganda ruserukire ubwishyu bw’umusoro ku nyongeragaciro ku mashini, ku bikoresho remezo by’inganda no ku bikoresho fatizo bikoreshejwe n’inganda.	Cabinet, in its meeting of 02/04/2026; ORDERS: <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Order This Order determines – (a) modalities for taxation of value added tax on goods and services provided online; (b) the procedures for adjustment of value added tax and the contents of the document cancelling an invoice; and (c) requirements for an industry to be exempted from payment of value added tax on machinery, capital assets of industries and raw materials used in industries.	des Ministres, en sa séance du 02/04/2026; ARRÊTE : <u>CHAPITRE PREMIER</u> : DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier</u> : Objet du présent arrêté Le présent arrêté détermine – (a) les modalités d’imposition de la taxe sur la valeur ajoutée sur les biens et services fournis en ligne ; (b) les modalités d’ajustement de la taxe sur la valeur ajoutée et le contenu du document d’annulation d’une facture ; et (c) les exigences pour qu’une industrie soit exonérée du paiement de la taxe sur la valeur ajoutée sur les machines, sur les biens d’équipement des industries et sur les matières premières utilisées dans des industries.
--	--	--

<u>Ingingo ya 2: Isobanura</u>	<u>Article 2: Interpretation</u>	<u>Article 2 : Interprétation</u>
Muri iri teka: (a) « gukosora inyemezabuguzi » bivuga impinduka zibikubiye ku nyemezabuguzi zikorwa nyuma yo kugura no kugurisha; (b) « gukosora umusoro ku nyongeragaciro » bivuga impinduka zikorwa ku musoro ku nyongeragaciro nyuma yo kugura no kugurisha biturutse ku gukosora cyangwa gutesha agaciro inyemezabuguzi; (c) « gutesha agaciro inyemezabuguzi » bivuga gukura mu nyandiko z’ibyacurujwe inyemezabuguzi ifite inenge; (d) « ibintu na serivisi bitangwa kuri murandasi » hakubiyemo ibintu bidafatika, serivisi zo kwamamaza, serivisi zo gutanga amakuru akoreshwa, serivisi zo gushakisha amakuru kuri murandasi, urubuga ruhuza abagura n’abagurisha, imbuga nkoranyambaga, itangazamakuru, imikino y’amahirwe, serivisi zitangirwa mu kirere koranabuhanga, cyangwa	In this Order: (a) “invoice adjustment” means a post-sale and purchase adjustments on the invoice; (b) “adjustment of value added tax” means a post-sale and purchase adjustment of value added tax as a result of adjustment or cancellation of the invoice; (c) “cancellation of invoice” means the removal of an erroneous invoice from the sales records; (d) “goods and services provided online” includes intangible goods, advertising services, the supply of user data, search engines, intermediation platforms, social media platforms, media, gaming activities, cloud computing services, or standardised teaching services and other digital content services provided online;	Dans le présent arrêté : (a) « ajustement d’une facture » signifie une rectification sur la facture après la vente et l’achat ; (b) « ajustement de la taxe sur la valeur ajoutée » signifie la modification de la taxe sur la valeur ajoutée après la vente et l’achat, résultant de l’ajustement ou de l’annulation de la facture ; (c) « annulation d’une facture » signifie la suppression d’une facture erronée des registres de ventes ; (d) « biens et services fournis en ligne » comprend les biens intangibles, les services de publicité, la fourniture de données utilisateurs, les moteurs de recherche, les plateformes d’intermédiation, les plateformes de réseaux sociaux, les médias, les jeux de hasard, les services d’informatique en nuages ou services d’enseignement

serivisi z'uburezi zemewe n'izindi serivisi zishingiye ku ikoranabuhanga, bitangiwe kuri murandasi; (e) « ikigo cy'imari cyifashishwa mu kwishyura » bivuga ikigo cy'imari gifasha abaguzi kwishyura ibintu na serivisi bitangirwa kuri murandasi; (f) « uhagarariye undi » bivuga umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi byashyizweho ngo bifashe kubara no kwishyura mu mwanya w'undi muntu umusoro ku nyongeragaciro ku bintu na serivisi bitangwa kuri murandasi.	(e) “financial institution that facilitates payment” means a financial institution that facilitates consumers to pay goods and services provided online; (f) “representative” means an individual person or legal entity appointed to act on behalf of another person to facilitate in the computation and payment of value added tax on goods and services supplied online.	normalisés et d'autres services de contenu numérique fournis en ligne ; (e) « institution financière qui facilite le paiement » signifie une institution financière qui facilite le paiement des biens et services fournis en ligne ; (f) « représentant » signifie une personne physique ou morale mandatée pour agir au compte d'une autre personne pour effectuer le calcul et le paiement de la taxe sur la valeur ajoutée sur les biens et services fournis en ligne.
UMUTWE WA II: ISORESHA RY'IBINTU NA SERIVISI BITANGIRWA KURI MURANDASI	CHAPTER II: TAXATION OF GOODS AND SERVICES PROVIDED ONLINE	CHAPITRE II : IMPOSITION DES BIENS ET SERVICES FOURNIS EN LIGNE
<u>Ingingo ya 3:</u> Ibintu na serivisi bisoreshwa	<u>Article 3:</u> Taxable goods and services	<u>Article 3 :</u> Biens et services imposables
Ibintu na serivisi bitangwa n'usora hakoreshejwe murandasi bicibwa umusoro ku nyongeragaciro iyo bitangiwe mu Rwanda, uretse iyo bisonewe. Ibyo bintu na serivisi birimo ibi bikurikira:	Goods and services provided online by a taxpayer are subject to value added tax if they are supplied from Rwanda except those that are exempted. These goods and services include the following:	Les biens et services fournis en ligne par un contribuable sont soumis à la taxe sur la valeur ajoutée lorsqu'ils sont fournis à partir du Rwanda à l'exception de ceux qui sont exonérés. Ces biens et services comprennent les suivants :

(a) porogaramu za mudasobwa na serivisi zo kuzijyanisha n'igihe; (b) serivisi zihuza ugurisha n'ugura harimo n'urubuga ruhuza serivisi z'ubwikorezi; (c) imikino y'amahirwe ikorerwa kuri murandasi; (d) serivisi zo gushakisha amakuru kuri murandasi; (e) kugurisha, gutanga uruhushya cyangwa ubundi buryo bwo kugurisha amakuru akomoka ku bakoresha murandasi; (f) ifatabuguzi ryo kubona amakuru kuri murandasi; (g) amashusho, inyandiko n'amakuru bibonerwa kuri murandasi; (h) kugera ku bubiko bw'itangazamakuru rikorera kuri murandasi; (i) amasomo atangwa hakoreshejwe murandasi harimo kwigisha hakoreshejwe iyakure	(a) software programmes and updating services; (b) services that link the supplier to the recipient, including transportation-hailing platforms; (c) online gaming activities; (d) search engine services; (e) sales, licensing or any other form of monetising data generated from online users; (f) subscriptions for online journals and magazines; (g) online images, text and information; (h) access to online media databases; (i) online education programmes, including distance teaching programmes through pre-recorded	(a) les programmes informatiques et les services de mise à jour ; (b) les services qui connectent les vendeurs et les acheteurs, y compris les plateformes du service de transport ; (c) les jeux de hasard en ligne ; (d) les services relatifs aux moteurs de recherche effectués en ligne ; (e) la vente, l'octroi de licence ou l'autre forme de monétisation des données générées par les utilisateurs en ligne ; (f) les abonnements aux revues et aux magazines en ligne ; (g) les images, les textes et les informations en ligne ; (h) l'accès aux bases de données des media en ligne ; (i) les programmes d'éducation en ligne, y compris l'enseignement à distance via des médias
--	---	--

hifashishijwe ibyafashwe amajwi cyangwa amashusho, amasomo atangirwa kuri murandasi, imbuga za murandasi zitangirwaho amasomo, inama nyongerabumenyi zikorera kuri murandasi, amasomo n'amahugurwa bitangirwa kuri murandasi hakuwemo serivisi z'uburezi zisonewe hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko; (j) gukura umuziki na firime kuri murandasi; (k) imbuga za murandasi, gucumbikira imbuga cyangwa gukorera kure isuzuma rya porogaramu n'ibikoreshe; (l) ibiganiro bitangwa bijyanye na politiki, umuco, ubuhanzi, siporo, ubumenyi n'ibindi biganiro n'ibikorwa, harimo n'ibinyuzwa kuri televiziyo zikoreshe murandasi; (m) ibindi bicuruzwa na serivisi bitangwa binyuze ku isoko rikoreshe ikoranabuhanga, na murandasi.	media, e-learning, education webcasts, webinars, online courses and training, excluding education services exempted by the Law; (j) streaming or downloading music and films; (k) websites, web hosting or remote maintenance of programmes and equipment; (l) political, cultural, artistic, sporting, scientific and other broadcasts and events, including online television broadcast; (m) any other goods and services provided through an electronic, internet and digital market place.	pré-enregistrés, l'apprentissage en ligne, les web émissions éducatives, les cours et la formation en ligne, à l'exclusion des services éducatifs exonérés par la loi ; (j) le téléchargement de la musique et des films ; (k) les sites internet, l'hébergement web ou la maintenance des programmes et des équipements ; (l) les émissions politiques, culturelles, artistiques, sportives, scientifiques et d'autres émissions et événements, y compris les émissions de télévision en ligne ; (m) les autres biens et services fournis par le biais du marché électronique, numérique et en ligne.
---	---	---

<u>Ingingo ya 4: Kwiandikisha</u>	<u>Article 4: Registration</u>	<u>Article 4 : Inscription</u>
(1) Utanga ibintu na serivisi bisoreshwa kandi bitangwa hakoreshejwe murandasi asabwa kwiandikisha ku musoro ku nyongeragaciro iyo abitanga ku bakiriya bari mu Rwanda, mu gihe we ari hanze y'u Rwanda. (2) Utanga ibintu na serivisi uvugwa mu gika cya (1) utanditswe mu Rwanda ashobora kugena umuhagarariye ufite aho akorera mu Rwanda kugira ngo yuzuze inshingano yo kwiandikisha mu mwanya we. (3) Umuntu utanga ibintu na serivisi kuri murandasi uri mu Rwanda yiyandikisha ku musoro ku nyongeragaciro akanagaragariza ubuyobozi bw'imisoro icyemezo cy'uko yiyandikishije mu rwego rwa Leta rufite mu nshingano kugenzura inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro. (4) Ubuyobozi bw'imisoro bushyiraho uburyo koranabuhanga bwo kwiandikisha ku musoro ku nyongeragaciro.	(1) A supplier of taxable goods and services provided online is required to register for value added tax if the goods and services provided online are supplied to customers in Rwanda while the supplier is outside Rwanda. (2) The supplier referred to in Paragraph (1) who is not registered in Rwanda may appoint a representative who has a business in Rwanda to fulfil the obligation to register in their place. (3) A supplier of taxable goods and services provided online who is in Rwanda is required to register for value added tax and present to the tax administration a certificate that they are registered by the State organ in charge of regulation of public utilities. (4) The tax administration establishes an electronic system for registration of value added tax.	(1) Un fournisseur des biens et services en ligne imposables est tenu de se faire enregistrer à la taxe sur la valeur ajoutée lorsqu'il vend des biens et services en ligne à des clients au Rwanda alors qu'il se trouve à l'extérieur du Rwanda. (2) La personne stipulée au paragraphe (1) qui n'est pas enregistrée au Rwanda peut désigner un représentant qui a un établissement au Rwanda pour remplir à sa place l'obligation de se faire enregistrer. (3) Un fournisseur des biens et services en ligne qui se trouve au Rwanda doit se faire enregistrer à la taxe sur la valeur ajoutée et présenter à l'administration fiscale un certificat attestant qu'il est enregistré à l'organe de l'État ayant la régulation des services d'utilité publique dans ses attributions. (4) L'administration fiscale établit un système électronique d'enregistrement à la taxe sur la valeur ajoutée.

<u>Ingingo ya 5: Ibintu na serivisi bitangirwa mu Rwanda</u>	<u>Article 5: Goods and services supplied in Rwanda</u>	<u>Article 5 : Biens et services fournis au Rwanda</u>
Ibintu na serivisi bitangirwa kuri murandasi bifatwa nk'ibitangiwe mu Rwanda iyo –	Goods and services provided online are considered to be supplied in Rwanda if –	La fourniture des biens et services en ligne est réputée avoir été effectuée au Rwanda lorsque –
(a) uhawe ibintu cyangwa serivisi bitangirwa kuri murandasi ari mu Rwanda kandi bimufitiye inyungu mu Rwanda;	(a) the recipient of goods or services provided online is in Rwanda and the goods or services are beneficial to the recipient in Rwanda;	(a) le récipiendaire de la fourniture des biens ou des services en ligne est au Rwanda et cette fourniture lui est utile au Rwanda ;
(b) uhawe ibintu cyangwa serivisi bitangirwa kuri murandasi ari hanze y'u Rwanda ariko ibyo bintu cyangwa izo serivisi bikoresherezwa mu Rwanda;	(b) the recipient of goods or services provided online is outside Rwanda but the goods or services are consumed in Rwanda;	(b) le récipiendaire de la fourniture des biens ou des services en ligne est à l'extérieur du Rwanda mais ces biens ou ces services sont consommés au Rwanda ;
(c) uburyo bwifashishwa mu kwishyura harimo aderesi cyangwa aderesi ya mugabuzi ya murandasi, kode y'igihugu cyangwa simukadi ya telefoni ngendanwa ikoresheka mu kwishyurana, na konti ya banki y'umuntu uhawe ibintu cyangwa serivisi biri mu Rwanda;	(c) the payment method including the billing or home address or access proxy including internet proxy address, country code or mobile telephone SIM card and bank account of the recipient, are in Rwanda; or	(c) le mode de paiement y compris l'adresse de facturation ou du domicile ou la modalité d'accès, y compris l'adresse proxy internet, le code de pays ou de la carte SIM du téléphone mobile du récipiendaire, sont au Rwanda ; ou
(d) cyangwa ibiranga uhawe ibintu cyangwa serivisi, harimo inyemezabwishyu cyangwa aho umuntu atuye cyangwa uburyo bw'ububiko bw'amakuru harimo aderesi ya murandasi, kode	(d) the features of the recipient of goods or services including the receipt or residential address or access to the database including internet address, country code or mobile communication card,	(d) les caractéristiques du récipiendaire des biens ou des services y compris le reçu ou l'adresse de son résidence, l'accès au stock où se trouve l'adresse de l'internet, l'indicatif du pays, la

y'igihugu cyangwa ikarita y'itumanaho ngendanwa, biri mu Rwanda.	located in Rwanda.	carte de communication mobile, sont situés au Rwanda.
<u>Ingingo ya 6: Igihe umusoro ku bintu na serivisi utangira kubarwa</u> Umusoro ku nyongeragaciro utangira kubarwa ku bintu na serivisi bitangirwa kuri murandasi mu gihe kibanziriza ibindi muri ibi bikurikira: (a) umunsi ibintu cyangwa serivisi bitanzweho byose cyangwa igice cyabyo; (b) umunsi ubwishyu bwakoreweho; (c) umunsi, inyemezabuguzi, inyemezabwishyu cyangwa ikindi kimenyetso cy'ubwishyu bitangiweho.	<u>Article 6: Tax point for goods and services</u> The value added tax point for the goods and services supplied online is the one that is the earliest among the following days: (a) the date on which the goods or services are delivered, in whole or in part; (b) the date on which payment for the supply is effected; (c) the date on which the invoice, receipt or any other proof of payment for the supply is issued.	<u>Article 6 : Moment d'imposition pour les biens et services</u> La taxe sur la valeur ajoutée sur les biens et services fournis en ligne est celui qui précède les autres parmi les jours suivants : (a) le jour auquel les biens ou services ont été remis au bénéficiaire en tout ou en partie ; (b) le jour auquel le paiement de la fourniture est effectué ; (c) le jour auquel la facture, le reçu ou toute autre preuve de paiement de la fourniture est émis.
<u>Ingingo ya 7: Gusubizwa umusoro ku nyongeragaciro</u> (1) Umuguzi ashobora gusaba ubuyobozi bw'imisoro gusubizwa umusoro ku nyongeragaciro yishyuye mu gihe kitarenze iminsi 60 ibarwa uhereye ku munsi yishyuriyeho.	<u>Article 7: Refund of value added tax</u> (1) A consumer may request the tax administration to refund the value added tax paid within 60 days from the date they made the payment.	<u>Article 7 : Remboursement de la taxe sur la valeur ajoutée</u> (1) Le consommateur peut demander à l'administration fiscale le remboursement de la taxe sur la valeur ajoutée qu'il a payée endéans 60 jours comptés à partir du jour où il a effectué le paiement.

(2) Ubuyobozi bw'imisoro bushobora gusubiza umuguzi umusoro ku nyongeragaciro wafatiriwe iyo – (a) hari ibimenyetso bihagije byerekana ko ubwishyu bwashyijwe kuri konti ya banki y'umuguzi; (b) cyangwa ubwishyu bw'ibintu cyangwa serivisi bisoreshwa bugabanutse.	(2) The tax administration may refund the consumer the value added tax withheld if – (a) there is sufficient evidence that the consideration has been returned to the bank account of the consumer; or (b) the consideration of taxable goods or services has reduced.	(2) L'administration fiscale peut rembourser au consommateur la taxe sur la valeur ajoutée retenue lorsque – (a) il existe des preuves suffisantes que la contrepartie a été restituée sur le compte bancaire du consommateur ; ou (b) la contrepartie des biens ou des services imposables a diminué.
<u>Ingingo ya 8: Isoresha ry'umusoro ku nyongeragaciro ku bintu na serivisi bitangirwa kuri murandasi</u>	<u>Article 8: Taxation of value added tax on goods and services provided online</u>	<u>Article 8 : Imposition de la taxe sur la valeur ajoutée sur les biens et services fournis en ligne</u>
(1) Iyo utanga ibintu cyangwa serivisi kuri murandasi yanditswe cyangwa afite umuhagarariye wanditswe nk'uko biteganywa mu ngingo ya 4, afatira umusoro ku nyongeragaciro kandi akawushyikiriza ubuyobozi bw'imisoro mu buryo bugenwa na bwo.	(1) When the supplier of online goods and services is registered or has their representative registered in accordance with Article 4, they withhold the value added tax and remit it to the tax administration in accordance with procedures specified by the tax administration.	(1) Lorsque le fournisseur des biens ou services en ligne est enregistré ou son représentant est enregistré conformément à l'article 4, il retient la taxe sur la valeur ajoutée et la verse à l'administration fiscale selon la procédure spécifiée par l'administration fiscale.
(2) Iyo utanga ibintu cyangwa serivisi kuri murandasi atanditswe cyangwa adafite umuhagarariye wanditswe, umusoro ku nyongeragaciro ufatirwa ku bwishyu kandi ukishyurwa n'ikigo cy'imari cyifashishwa mu kwishyura	(2) In case the supplier of online goods or services is not registered or has no representative registered, the value added tax is withheld and paid by the financial institution that facilitates in payment of tax in	(2) Lorsque le fournisseur des biens ou des services fournis en ligne n'est pas enregistré ou n'a pas de représentant enregistré, la taxe sur la valeur ajoutée est retenue et payée par l'institution financière qui facilite le paiement selon

mu buryo bugenwa n'ubuyobozi bw'imisoro. (3) Ikigo cy'imari cyifashishwa mu kwishyura gihuza uburyo bwacyo bwo kwishyura abatanga ibintu cyangwa serivisi kuri murandasi n'uburyo koranabuhanga bukoreshwa n'ubuyobozi bw'imisoro. (4) Ubuyobozi bw'imisoro bushyikiriza ikigo cy'imari cyifashishwa mu kwishyura urutonde rw'abiyandikishije badafatirirwa umusoro ku nyongeragaciro. (5) Ubuyobozi bw'imisoro n'ibigo by'imari byifashishwa mu kwishyura bikora ihuzanzira rya sisitemu rifasha mu guhanahana amakuru yerekeye imyishyurire y'umusoro ku nyongeragaciro. <u>Ingingo ya 9: Kubara no kwishyura umusoro</u> (1) Umusoro ku nyongeragaciro ku bintu cyangwa kuri serivisi bitangirwa kuri murandasi wishyurwa n'utanga ibyo bintu cyangwa serivisi kuri murandasi cyangwa umuhagarariye wanditswe mu Rwanda.	accordance with procedures specified by the tax administration. (3) The financial institution that facilitates payment links its system of payment to the suppliers of goods or services provided online with procedures established by the tax administration. (4) The tax administration provides to the financial institution a list registered persons not subject to withholding the value added tax. (5) The tax administration and financial institutions that facilitate payment integrate their systems for the purposes of exchanging information regarding payment of value added tax. <u>Article 9: Accounting and payment of tax</u> (1) The value added tax on goods or services provided online is paid by the supplier or their tax representative registered in Rwanda.	la procédure spécifiée par l'administration fiscale. (3) L'institution financière qui facilite le paiement lie son système de paiement aux fournisseurs des biens ou services fournis en ligne avec la procédure établie par l'administration fiscale. (4) L'administration fiscale fournit à l'institution financière la liste des personnes enregistrées qui ne font pas sujet de retenue de la taxe sur la valeur ajoutée. (5) L'administration fiscale et les institutions financières qui facilitent le paiement intègrent leurs systèmes aux fins d'échange d'informations concernant le paiement de la taxe sur la valeur ajoutée. <u>Article 9 : Comptabilité et paiement de la taxe</u> (1) La taxe sur la valeur ajoutée sur les biens ou sur les services fournis en ligne est payée par le fournisseur ou son représentant enregistré au Rwanda.
--	---	---

(2) Umuntu wiyandikishije amenyekanisha umusoro ku nyongeragaciro mu buryo bwagenwe kandi akawishyura, buri gihe cy'isoreshwa, bitarenze itariki ya 15 y'ukwezi gukurikira igihe cy'isoreshwa. (3) Ikigo cy'imari cyifashishwa mu kwishyura cyafatiriye umusoro ku nyongeragaciro mu buryo buteganywa n'iri teka kimenyekanisha kandi kikishyura umusoro cyafatiriye bitarenze itariki ya 15 y'ukwezi gukurikira ukwezi umusoro wafatiriwemo.	(2) A registered person submits a return in the prescribed form and remits the value added tax due, in each tax period, not later than on the 15th of the month following the end of the tax period. (3) A financial institution that facilitates the payment of value added tax in accordance with this Order, declares and pays the tax not later than on the 15th of the month following the month in which the tax was withheld.	(2) Une personne enregistrée présente une déclaration selon le formulaire prescrit et remet la taxe sur la valeur ajoutée due, pour chaque période d'imposition, à l'administration fiscale au plus tard le 15 du mois suivant la fin de la période d'imposition. (3) L'institution financière qui facilite le paiement à la taxe sur la valeur ajoutée conformément au présent arrêté, déclare et paie l'impôt retenu au plus tard le 15 du mois suivant la période de retenue d'impôt.
UMUTWE WA III: GUKOSORA INYEMEZABUGUZI	CHAPTER III: INVOICE ADJUSTMENT	CHAPITRE III : AJUSTEMENT D'UNE FACTURE
<u>Ingingo ya 10:</u> Inyemezabuguzi ikosorwa	<u>Article 10:</u> Invoice to be adjusted	<u>Article 10 :</u> Facture à ajuster
(1) Inyemezabuguzi ikosorwa iyo amakuru ayiriho afite inenge, bikagira ingaruka ku musoro ugaragara kuri iyo nyemezabuguzi. (2) Ikosorwa ry'inyemezabuguzi rikorwa inshuro imwe gusa, keretse iyo bitangiwe uruhushya n'ubuyobozi bw'imisoro.	(1) An invoice is adjusted if it contains erroneous information, which affects the taxation on that invoice. (2) The adjustment of an invoice is done once unless authorized by the tax administration.	(1) Une facture est ajustée si elle contient des informations erronées qui affectent la taxe qui y apparaît. (2) L'ajustement d'une facture est effectué une seule fois, sauf autorisation de l'administration fiscale.

<u>Ingingo ya 11:</u> Usaba gukosora inyemezabuguzi (1) Gukosora inyemezabuguzi bisabwa n'uwaguze cyangwa n'uwagurishije ibicuruzwa cyangwa serivisi. (2) Gusaba gukosora inyemezabuguzi bikorwa mu gihe umuguzi ataramenyekanisha umusoro ku kiranguzo n'uwagurishije ataramenyekanisha umusoro wakiriwe. (3) Icyakora, iyo gusaba gukosora inyemezabuguzi bikozwe mu gihe umuguzi yamenyekanishije umusoro ku nyongeragaciro kuri iyo nyemezabuguzi, bibanza kwemezwa n'ubuyobozi bw'imisoro.	<u>Article 11:</u> Applicant for the invoice adjustment (1) The application for an invoice adjustment is filed by a buyer or a seller of goods or services. (2) The application for an invoice adjustment is done prior to the filing of return on the value added tax input and the value added tax output on that invoice. (3) However, when the application for invoice adjustment is made after the filing of the value added tax return relating to that invoice, it requires authorisation from the tax administration.	<u>Article 11 :</u> Demandeur d'ajustement d'une facture (1) La demande d'ajustement d'une facture est faite par le vendeur ou l'acheteur des biens ou des services. (2) La demande d'ajustement d'une facture est faite avant que l'acheteur ne déclare la taxe sur la valeur ajoutée en amont et avant la période de déclaration de la taxe sur la valeur ajoutée en aval par le vendeur. (3) Toutefois, lorsque la demande d'ajustement d'une facture est faite après le dépôt de la déclaration de la taxe sur la valeur ajoutée y afférente, elle nécessite l'autorisation de l'administration fiscale.
<u>Ingingo ya 12:</u> Impamvu zo gukosora inyemezabuguzi Gukosora inyemezabuguzi bishobora guterwa n'imwe mu mpamvu zikurikira: (a) iyo bimwe mu bintu byari ku nyemezabuguzi bitabonetse ngo bihabwe umuguzi;	<u>Article 12:</u> Grounds for an invoice adjustment The invoice adjustment may result from one of the following grounds: (a) if some of the purchased goods on the invoice are no longer available to be remitted to the buyer;	<u>Article 12 :</u> Motifs d'ajustement d'une facture L'ajustement d'une facture peut résulter de l'un des motifs suivants : (a) lorsque certains biens achetés figurant sur la facture ne sont pas disponibles pour être remis à

(b) iyo bimwe mu bintu byaguzwe bitacyemerewe gucuruzwa; (c) iyo habayeho kwibeshya ku gipimo cy'umusoro ku bintu cyangwa kuri serivisi kiri ku nyemezabuguzi; (d) iyo ikiguzi cya bimwe mu bintu cyangwa serivisi byasoreshejwe ku nyemezabuguzi cyahindutse; (e) iyo bimwe mu bintu bisoreshwa byangiritse; (f) iyo bimwe mu bintu byasubijwe uwagurishije; (g) indi mpamvu yaterwa n'imiterere y'ubucuruzi iyo yemejwe n'ubuyobozi bw'imisoro.	(b) if some of the purchased goods are no longer allowed to be supplied; (c) if there is an erroneous tax rate applied on goods or services on the invoice; (d) if the price of part of taxable goods or services on the invoice has changed; (e) if some of the taxable goods are damaged; (f) if part of the goods was returned to the supplier; (g) any other reason which may result from the nature of the business upon authorisation by the tax administration.	l'acheteur ; (b) lorsque certains biens achetés ne sont plus autorisés à être vendus ; (c) lorsqu'il y a une erreur sur le taux d'imposition appliqué sur les biens ou sur les services figurant sur la facture ; (d) lorsque le prix d'une partie des biens ou services imposables figurant sur la facture est modifié ; (e) lorsqu'une partie des biens imposables a été endommagée ; (f) lorsqu'une partie des biens a été retournée au fournisseur ; (g) toute autre raison pouvant résulter de la nature de l'activité commerciale sur autorisation de l'administration fiscale.
<u>Ingingo ya 13: Ibisabwa mu gukosora inyemezabuguzi</u> Usaba gukosora inyemezabuguzi asabwa – (a) kuzuzwa amakuru asabwa mu gukosoza inyemezabuguzi	<u>Article 13: Requirements for the invoice adjustment</u> The applicant for an invoice adjustment is required to – (a) complete the information form while applying for adjustment of an	<u>Article 13 : Conditions d'ajustement d'une facture</u> Le demandeur d'ajustement d'une facture est tenu de – (a) compléter le formulaire des informations requises pour la

yuzuzwa mu buryo bw'ikoranabuhanga bwagenwe n'ubuyobozi bw'imisoro; (b) gutanga inyandiko itanga ibisobanuro bisaba gukosora inyemezabuguzi ishyikirizwa ubuyobozi bw'imisoro; (c) no gushyikiriza ubuyobozi bw'imisoro inyandiko yatanze n'urwego rubifitiye ububasha igihe bimwe mu bintu cyangwa serivisi byangiritse cyangwa bitacyemerewe gucuruzwa. <u>Ingingo ya 14:</u> Itariki ihabwa inyemezabuguzi yakosowe Itariki ihabwa inyemezabuguzi yakosowe ni itariki isanzwe igaragara ku nyemezabuguzi ikosorwa. Icyakora, iyo nyemezabuguzi igaragaza itariki yakoreweho n'itariki yakosoreweho. <u>Ingingo ya 15:</u> Uburyo bwihariye bwo gukosora inyemezabuguzi Uburyo bwihariye bwo gukosora inyemezabuguzi ni ukuyikosora bitewe n'imwe mu mpamvu zikurikira:	invoice on the portal designated by the tax administration; (b) submit to the tax administration an explanatory document supporting the application for invoice adjustment; and (c) submit to the tax administration a recommendation issued by the competent authority in case part of goods or services are damaged or are no longer allowed to be supplied. <u>Article 14:</u> Date of the adjusted invoice The date on the adjusted invoice is the actual date on the invoice subject to adjustment. However, both the date of issuance and date of adjustment appear on the invoice. <u>Article 15:</u> Special modalities for the invoice adjustment Special modalities for an invoice adjustment consist of an adjustment resulting from one of the following reasons:	demande de l'ajustement d'une facture conformément au système électronique désigné par l'administration fiscale ; (b) remettre à l'administration fiscale un document justificatif à l'appui de sa demande d'ajustement d'une facture ; et (c) remettre à l'administration fiscale un document délivré par l'autorité compétente lorsqu'une partie des biens ou des services ont été endommagés ou ne sont plus autorisés à la vente. <u>Article 14 :</u> Date de la facture ajustée La date figurant sur la facture ajustée est la date réelle de la facture qui a fait l'objet d'ajustement. Toutefois, la facture indique à la fois sa date d'élaboration et sa date d'ajustement. <u>Article 15 :</u> Modalités spéciales d'ajustement d'une facture Les modalités spéciales d'ajustement d'une facture consistent en un ajustement résultant de l'un des motifs suivants :
--	--	--

(a) inyemezabuguzi idafite umwirondoro w'uwaguze cyangwa amakuru yuzuye; (b) ubuyobozi bw'imisoro busabye usora gukora inyemezabuguzi igaragaza itariki yakoreweho n'itariki y'igurisha ry'igicuruzwa bitewe n'isesenguramakuru ry'ibicuruzwa bisigaye mu bubiko; (c) indi mpamvu yaterwa n'imiterere y'ubucuruzi iyo yemejwe n'ubuyobozi bw'imisoro.	(a) an invoice that does not have the identification of the buyer or full information; (b) the tax administration requests the taxpayer to make an invoice that indicates both date of issuance and date of sale as a result of stock analysis of goods; (c) any other reason depending on the nature of business upon authorisation by the tax administration.	(a) une facture qui ne contient pas d'identification de l'acheteur ou qui ne fournit pas d'informations complètes ; (b) l'administration fiscale demande au contribuable de produire la facture indiquant la date de son émission et la date de la vente sur base de l'analyse des biens restant dans le stock ; (c) toute autre raison pouvant résulter de la nature de l'activité commerciale sur l'autorisation de l'administration fiscale.
<u>UMUTWE WA III: GUTESHA AGACIRO INYEMEZABUGUZI</u>	<u>CHAPTER III: CANCELLATION OF AN INVOICE</u>	<u>CHAPITRE III : ANNULATION D'UNE FACTURE</u>
<u>Ingingo ya 16: Gusaba gutesha agaciro inyemezabuguzi</u> (1) Ubusabe bwo gutesha agaciro inyemezabuguzi bukorwa n'umuguzi wayihawe mu gihe yaguraga. (2) icyakora, iyo bigaragaye ko umuguzi atabashije kubisaba kandi uwagurishije afite impamvu	<u>Article 16: Application for the cancellation of an invoice</u> (1) The request for invoice cancellation is initiated by the buyer who was given an invoice at the time of buying. (2) However, if the buyer has not requested invoice cancellation and the seller has valid reasons to	<u>Article 16 : Demande d'annulation d'une facture</u> (1) La demande d'annulation d'une facture est faite par l'acheteur qui a reçu la facture au moment de l'achat. (2) Toutefois, si l'acheteur n'a pas fait la demande d'annulation d'une facture et que le vendeur a des

Official Gazette n° Special of 29/04/2026

zifatika ashingiraho asaba gutesha agaciro inyemezabuguzi, abisaba kandi bikemezwa mu buryo bw'ikoranabuhanga bwagenwe n'ubuyobozi bw'imisoro.	request invoice cancellation, the request is submitted and approved through a designated portal in accordance with modalities determined by the tax administration.	raisons valables de le demander, la demande est introduite et approuvée par voie électronique conformément aux modalités déterminées par l'administration fiscale.
<u>Ingingo ya 17: Impamvu zo gutesha agaciro inyemezabuguzi</u>	<u>Article 17: Grounds for cancellation of an invoice</u>	<u>Article 17 : Motifs d'annulation d'une facture</u>
Gutesha agaciro inyemezabuguzi bishobora guterwa n'imwe mu mpamvu zikurikira:	The cancellation of an invoice may result from one of the following grounds:	L'annulation d'une facture peut résulter de l'un des motifs suivants :
(a) iyo ibintu byose byari ku nyemezabuguzi bitakibonetse cyangwa bitacyemewe gucuruzwa;	(a) if all the goods on the invoice are no longer available or they are not allowed to be supplied;	(a) lorsque tous les biens figurant sur la facture ne sont plus disponibles à remettre à l'acheteur ou ne sont plus autorisés à la vente ;
(b) iyo nta bugure bukibayeho bitewe no kutumvikana ku kiguzi cy'ibintu cyangwa serivisi;	(b) if the purchase did not occur following non-agreement on the price of goods or services;	(b) lorsque l'achat n'a pas eu lieu à la suite d'un désaccord sur le prix des biens ou des services ;
(c) iyo ibintu byari byakorewe inyemezabuguzi byangiritse;	(c) if the goods on the invoice are damaged;	(c) lorsque les biens figurant sur la facture sont endommagés ;
(d) iyo ibintu byakorewe inyemezabuguzi byasubijwe uwabitanze;	(d) if the goods on the invoice were returned to the supplier;	(d) lorsque les biens figurant sur la facture ont été retournés au fournisseur ;
(e) indi mpamvu yaterwa n'imiterere y'ubucuruzi iyo yemejwe n'ubuyobozi bw'imisoro.	(e) another reason which may result from the nature of the business upon authorisation by the tax	(e) une autre raison pouvant résulter de la nature de l'activité commerciale sur autorisation de l'administration

	administration.	fiscale.
<u>Ingingo ya 18:</u> Ibikubiye mu nyandiko y’iteshagaciro ry’inyemezabuguzi Inyandiko isaba gutesha agaciro inyemezabuguzi ishyikirizwa ubuyobozi bw’imisoro iba ikubiyemo ibi bikurikira: (a) umwirondoro w’umuguzi; (b) ifishi yabugenewe yuzuzwa n’usora; (c) inyemezabuguzi y’umwimerere; (d) amakuru yuzuye asabwa mu gutesha agaciro inyemezabuguzi ashyirwa mu rubuga mugabuzi rwagenwe no mu buryo bwagenwe n’ubuyobozi bw’imisoro. <u>Ingingo ya 19:</u> Igihe cyo gusaba gutesha agaciro inyemezabuguzi (1) Umuntu usaba gutesha agaciro inyemezabuguzi abikora mbere y’uko igihe cy’isoreshwa kirangira. (2) Iyo ubusabe bwo gutesha agaciro inyemezabuguzi bumaze	<u>Article 18:</u> Content of the document for cancellation of invoice The document requesting cancellation of invoice submitted to the tax administration includes the following: (a) an identification of the buyer; (b) a designated form completed by the taxpayer; (c) the original invoice; (d) complete required information for the cancellation of an invoice through a designated portal in accordance with modalities determined by the tax administration. <u>Article 19:</u> Time for cancellation of invoice (1) A person requesting for the cancellation of an invoice, files the application before the end of the tax period. (2) If the application for cancellation of an invoice is approved, the	<u>Article 18 :</u> Contenu du document d’annulation d’une facture Le document de demande d’annulation de la facture soumis à l’administration fiscale contient ce qui suit : (a) l’identification de l’acheteur ; (b) un formulaire approprié rempli par le contribuable ; (c) la facture originale ; (d) les informations complètes requises pour l’annulation d’une facture par le portail désigné conformément aux modalités déterminées par l’administration fiscale. <u>Article 19 :</u> Délai pour l’annulation d’une facture (1) Une personne demandant l’annulation d’une facture dépose sa demande avant la fin de la période fiscale. (2) Lorsque la demande d’annulation d’une facture est approuvée, le

kwemerwa, usaba ahindura imenyekanisha rigaragaramo inyemezabuguzi yateshejwe agaciro. <u>Ingingo ya 20:</u> Impamvu zo kwanga ubusabe bwo gutesha agaciro inyemezabuguzi Ubusabe bwo gutesha agaciro inyemezabuguzi ntibwemerwa iyo – (a) igihe cy’isoreshwa ry’inyemezabuguzi isabirwa gutesha agaciro cyakorewe igenzura cyangwa iperereza; (b) cyangwa iyo usora yasubijwe umusoro ku kiranguzo. <u>Ingingo ya 21:</u> Uburyo bwo gukosora no gutesha agaciro inyemezabuguzi Usora wujuje ibisabwa kugira ngo asabe ko inyemezabuguzi ikosorwa cyangwa iteshwa agaciro abikorera mu rubuga mugabuzi rwagenwe n’ubuyobozi bw’imisoro. <u>Ingingo ya 22:</u> Amakuru y’inyongera Mu gihe cyo gusuzuma ubusabe bwo gukosora cyangwa gutesha agaciro	applicant changes the declaration related to the cancelled invoice. <u>Article 20:</u> Grounds for rejection of the request for cancellation of an invoice The application for the cancellation of an invoice by a buyer is rejected if – (a) the tax period relating to the invoice subject to the application for cancellation was audited or investigated; or (b) the input tax was refunded to a taxpayer. <u>Article 21:</u> Modalities for adjustment and cancellation of an invoice A taxpayer who fulfils the requirements for requesting the invoice adjustment or cancellation submits their application through a portal designated by the tax administration. <u>Article 22:</u> Additional information During the consideration of the application for adjustment or cancellation of an	demandeur modifie la déclaration relative à la facture annulée. <u>Article 20 :</u> Raisons de rejet de la demande d’annulation d’une facture La demande d’annulation d’une facture par l’acheteur est rejetée lorsque – (a) la période fiscale relative à la facture faisant l’objet de la demande d’annulation a fait l’objet d’un audit ou d’une enquête ; ou (b) la taxe en amont a été remboursée au contribuable. <u>Article 21 :</u> Modalités d’ajustement et d’annulation d’une facture Le contribuable qui remplit les conditions pour la demande d’ajustement ou d’annulation d’une facture introduit sa demande par le portail désigné par l’administration fiscale. <u>Article 22 :</u> Informations additionnelles Pendant l’examen de la demande d’ajustement ou d’annulation de la facture,
--	--	---

inyemezabuguzi, umuyobozi mukuru w'ubuyobozi bw'imisoro ashobora gusaba amakuru y'inyongera ajyanye n'ubwo busabe.	invoice, the head of the tax administration may request additional information related to such application.	le chef de l'administration fiscale peut demander des informations supplémentaires relatives à cette demande.
UMUTWE WA IV: GUSONERA URUGANDA UMUSORO KU NYONGERAGACIRO	CHAPTER IV: VALUE ADDED TAX EXEMPTION FOR AN INDUSTRY	CHAPITRE IV : EXONÉRATION DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTÉE POUR UNE INDUSTRIE
<u>Ingingo va 23:</u> Ibisabwa uruganda kugira ngo rusonerwe umusoro ku nyongeragaciro	<u>Article 23:</u> Requirements for an industry to be entitled to the value added tax exemption	<u>Article 23 :</u> Exigences pour qu'une industrie puisse être exonérée de la taxe sur la valeur ajoutée
(1) Kugira ngo uruganda rusonerwa ubwishyu bw'umusoro ku nyongeragaciro ku mashini, ku bikoresho remezo no ku bikoresho fatizo, rugomba – (a) kuba rwanditse mu Rwanda nk'isosiye, koperative cyangwa ubucuruza bw'umuntu ku giti cye; (b) kuba ari urwo gutunganya ibikoresho fatizo cyangwa guteranya ibice by'ibikoresho kugira ngo rubikoremo ibintu byo gucuruza, cyangwa ibyo gukoresha ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri;	(1) In order to be exempted from payment of value added tax on machinery, capital assets and raw materials, the industry must – (a) be registered in Rwanda as a company, a cooperative or an individual enterprise; (b) be one that processes raw materials or assembles parts to produce goods for sale or for mining and quarry exploitation activity;	(1) Pour être exonérée de la taxe sur la valeur ajoutée sur les machines, sur les biens d'équipement et sur les matières premières, l'industrie doit – (a) être enregistrée au Rwanda comme une société, une coopérative ou une entreprise individuelle ; (b) avoir pour objectif la transformation des matières premières ou l'assemblage des pièces en vue de la production des biens destinés au commerce ou à l'exploitation des mines et carriers ;

(c) gusabira gusa ubusonerwe imashini, ibikoresho remezo cyangwa ibikoresho fatizo bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite inganda mu nshingano rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano;	(c) only apply for exemption on machinery, capital assets or raw materials appearing on the list established by the Minister in charge of industry and approved by the Minister in charge of taxes;	(c) demander l'exonération uniquement pour les machines, les équipements industriels ou les matières premières figurant sur la liste établie par le Ministre ayant les industries dans ses attributions et approuvée par le Ministre ayant les impôts dans ses attributions ;
(d) kugaragaza isano itaziguye iri hagati y'ibintu bisabirwa ubusonerwe n'akazi gakorwa cyangwa kazakorwa n'uruganda;	(d) indicate the direct link between items for which exemption is sought and the industrial activities carried out or those that will be carried out;	(d) indiquer le lien direct existant entre les biens pour lesquels l'exonération est demandée et l'activité industrielle menée ou qui doit être menée ;
(e) gushyikiriza ubusabe Komiseri Mukuru mu buryo bwagenwe n'ubuyobozi bw'imisoro, iyo ubusonerwe busabirwa imashini, ibikoresho remezo cyangwa ibikoresho fatizo bikorerwa mu Rwanda;	(e) address the request to the Commissioner General in accordance with the procedure established by the tax administration, if the exemption requested is for machinery, capital assets or raw materials that are produced in Rwanda;	(e) adresser la demande au Commissaire Général suivant la procédure établie par l'administration fiscale, si l'exonération demandée concerne des machines, des équipements industriels ou des matières premières produites au Rwanda ;
(f) gushyikiriza Komiseri wa Gasutamo ifishi y'imenyekanisha iyo ubusonerwe busabirwa imashini, ibikoresho remezo cyangwa ibikoresho fatizo	(f) submit a declaration form to the Commissioner for Customs if the exemption requested is for machinery, capital assets or raw materials that are imported;	(f) soumettre le formulaire de déclaration au Commissaire des Douanes si l'exonération est demandée pour des machines, des équipements industriels ou des matières premières

byatumijwe mu mahanga; (g) kugaragaza imicungire inoze y'ubucuruza, yerekana ibyinjira n'ibisohoka; (h) kugira ububiko bwihariye bw'ibikoresho fatizo cyangwa ubw'ibikoresho biteranywa; (i) kugaragaza ko agaciro kiyongera ku bikoresho fatizo kangana nibura na 30% (j) kugira icyicaro kizwi cy'aho uruganda rukorera; (k) no gutatanya ibikoresho biteranywa byose, iyo ari uruganda ruteranya ibikoresho by'ibanze. (2) Kuvugurura ubusonerwe bw'umusoro ku nyongeragaciro ntibyemerwa iyo bureba igihe kirenze ku wa 30 Kamena 2026. <u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u>	(g) demonstrate proper management of the business indicating revenues and expenses; (h) have a separate store of raw materials or assembly parts; (i) prove that the value added to raw materials is equal to at least 30% ; (j) have a recognized head office; and (k) completely separate parts to be assembled, in case of an assembling industry. (2) Renewal of eligibility for exemption from value-added tax is not granted beyond June 30, 2026. <u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u>	importés ; (g) faire preuve d'une gestion appropriée de l'activité commerciale, indiquant les revenus et les dépenses ; (h) avoir un stock à part pour la conservation des matières premières ou des pièces d'assemblage ; (i) prouver que la valeur ajoutée sur les matières premières est égale au moins à 30% ; (j) avoir un siège reconnu ; et (k) séparer complètement les pièces à assembler, s'il s'agit d'une industrie d'assemblage. (2) Le renouvellement de l'éligibilité à l'exonération de la taxe sur la valeur ajoutée n'est pas accordé au-delà du 30 juin 2026. <u>CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES</u>
--	--	---

<u>Ingingo ya 24: Ingingo ivanaho</u> Iteka rya Minisitiri n° 001/17/10/TC ryo ku wa 30/01/2017 rigena ibisabwa uruganda kugira ngo rwemererwe ubusonerwe bw'umusoro ku nyongeragaciro ku mashini, ibikoresho remezo n'ibikoresho fatizo, nk'uko ryahinduwe, rivanyweho. <u>Ingingo ya 25: Igihe cyo guhuza n'ibiteganywa n'iri teka</u> Mu gihe kitarenze amezi atatu abarwa uherye ku munsu iri teka ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda – (a) ubuyobozi bw'imisoro busabwa kuba bwamaze gutegura urubuga mugabuzi rubigenewe no gufatanya n'ibigo by'imari byifashishwa mu kwishyura, gukora ihuzanzira rya sisitemu zabyo hagamijwe gushyira mu bikorwa ibivugwa muri iri teka; (b) kandi abasabwa kwishyura umusoro uteganyijwe muri iri teka bagomba kwiandikisha cyangwa kuba bashyizeho ababahagarariye.	<u>Article 24: Repealing provision</u> Ministerial Order n° 001/17/10/TC of 30/01/2017 determining the requirements for an industry to be entitled to exemption from value added tax on machinery, capital goods and raw materials, as amended, is repealed. <u>Article 25: Period of compliance</u> Within three months from the date of publication of this Order in the Official Gazette of the Republic of Rwanda – (a) the tax administration is required to put in place a designated portal and, in collaboration with the financial institutions facilitating payment, to complete the integration of their systems for implementation of provisions of this Order; and (b) persons required to pay the tax provided for in this Order must be registered or have appointed their representatives.	<u>Article 24 : Disposition abrogatoire</u> L'Arrêté Ministériel n° 001/17/10/TC du 30/01/2017 déterminant les conditions requises pour qu'une industrie bénéficie de l'exonération de la taxe sur la valeur ajoutée sur les machines, biens d'équipement et matières premières, tel que modifié, est abrogé. <u>Article 25 : Période de conformité</u> Endéans trois mois comptés à partir du jour de la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda – (a) l'administration fiscale est tenue de mettre en place un portail désigné, et, en collaboration avec les institutions financières qui facilitent le paiement, d'achever l'intégration de leurs systèmes pour l'application des dispositions du présent arrêté ; et (b) les personnes tenues de payer l'impôt prévu au présent arrêté doivent être enregistrées ou avoir désigné leurs représentants.
---	--	--

Official Gazette n° Special of 29/04/2026

<u>Ingingo ya 26: Ingingo y’ururimi</u> Iri teka ryateguwe mu rurimi rw’Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 27: Gutangira gukurikizwa</u> Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	<u>Article 26: Language provision</u> This Order was drafted in Ikinyarwanda. <u>Article 27: Entry into force</u> This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 26 : Disposition linguistique</u> Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda. <u>Article 27 : Entrée en vigueur</u> Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
--	---	---

Kigali, 29/04/2026

(sé)

MURANGWA Yusuf
Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi
Minister of Finance and Economic Planning
Ministre des Finances et de la Planification Économique

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Republika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux